# Isuzuma ryo gusoma n'imibare rizakorwa mu gihe cy'umwaka mu mwaka w'amashuri wa 2025-2026 muri Maine

Mubyeyi/Urera umwana,

Muri uyu mwaka, abanyeshuri barihirwa na Leta muri Maine biga mu mwaka wa 3 kugeza mu mwaka wa 8 n'abiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye bitabira Isuzuma rikorwa mu gihe cy'umwana muri Maine mu gihe cy'Urugaryi n'Umuhindo. Isuzuma rikorwa mu gihe cy'umwaka muri Maine ryibanda ku bisabwa mu bijyanye no gusoma n'imibare, bitewe n'umwaka umunyeshuri agezemo. Abarezi bifashisha amanota abanyeshuri babonye muri iri suzuma kugira ngo bamenye urwego imyigishirize igezeho, bashyireho uburyo bwo gufasha abanyeshuri kandi bamenyeshe imiryango amakuru yerekeranye n'imitsindire y'abanyeshuri.

Ibigo by'amashuri bihitamo amatariki isuzuma rizakorerwaho mu gihe cy'ibyumweru bitandatu riteganyijwemo:

- Urugaryi rwa 2025 (Ni ngombwa): Kuva ku wa 15 Nzeri kugeza ku wa 24 Ukwakira
- Itumba rya 2026 (Si ngombwa): Kuva ku wa 5 Mutarama kugeza ku wa 13 Gashyantare
- Umuhindo wa 2026 (Ni ngombwa): Kuva ku wa 13 Mata kugeza ku wa 29 Gucurasi

Iby'ingenzi bigize Isuzuma rikorwa mu gihe cy'umwana muri Maine ni ibi bikurikira:

- Ni isuzuma **rikorerwa kuri mudasobwa**. Nyuma y'igisubizo cy'ukuri, umunyeshuri ashobora kubona ikindi gisubizo gikomeye kurushaho. Nyuma y'igisubizo kitari cyo, umunyeshuri ashobora kubona ikibazo cyoroshye kurushaho. Bityo rero, isuzuma rihinduka bitewe n'umunyeshuri uri kurikora kandi riba ryihariye kuri buri munyeshuri.
- Isuzuma **ntirigenerwa igihe** rigomba kumara. Abanyeshuri bagomba guhabwa umwanya uhagije bakeneye kugira ngo basubize ibibazo byose by'isuzuma.
- Isuzuma riha abarimu umwanya wo kubona no guhita bifashisha **amakuru y'ishingiro** kugira ngo bategure inyigisho. Ibigo by'amashuri bihabwa amakurushingiro y'isuzuma mu gihe cy'amasaha 72.
- Amasuzuma yo mu Rugaryi, Itumba (si ngombwa), n'Umuhindo ashobora kwifashishwa nk'uburyo bumwe bwo **gusuzuma intambwe umunyeshuri agezeho** mu gihe runaka. Isuzuma ryo mu Muhindo rishobora kwifashishwa nk'uburyo bumwe bwo **gusuzuma imitsindire y'umunyeshuri ugereranyije n'ibigenderwaho ku kigero cy'umwaka ku rwego rwa Leta**. Kugira ngo humvikane neza ibyo umunyeshuri azi kandi ashoboye gukora, amanota yabonye mu Isuzuma rikorwa mu gihe cy'umwaka muri Maine ashobora kwifashishwa hamwe n'andi, nk'amasuzuma yo ku bigo by'amashuri ndetse n'imyigire yo mu ishuri.
- Ubufasha bunyuranye buhabwa umunyeshuri **n'ibyo ahabwa** bigenerwa abanyeshuri kugira ngo ikorwa ry'isuzuma ridahindagurika hakurikijwe imyigishirize ihabwa abanyeshuri buri munsi. Ibyo umunyeshuri ahabwa birimo ubufasha n'ibyo akenera mu rwego rwa Gahunda z'ubufasha, Gahunda zihariye zo kwiga indimi, Gahunda za 504 na Porogaramu y'uburezi bugenewe buri wese ku giti cye.

Ku bindi bisobanuro birebana n'Isuzumwa rikorwa mu gihe cy'umwaka muri Maine, wavugisha umwarimu w'umwana wawe cyangwa umuyobozi w'ikigo.